**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'IBIDUKIKIJE**
**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE UBUMENYI BW'IKIRERE**

B P: 898, Kigali, Rwanda, Website: www.meteorwanda.gov.rw
Toll free :6080

# AKANYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE No 3, KAGENEWE ABAHINZI-BOROZI IGICE CYA GATATU MUTARAMA (21-31) 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 02 Gashyantare, 2020**

## Iriburiro

Mu minsi icumi y'igice cya gatatu, Mutarama 2020 kuva tariki ya 21 kugeza tariki ya 31, ahenshi mu gihugu habonetse imvura nyinshi cyane ugereranyije n'isanzwe igwa muri ayo matariki mu gihe cy'imyaka myinshi. Imvura nyinshi yapimwe ku bupimiro bwa Nyamagabe, Gitega, Rubengera ndetse no ku bupimiro bwa Byimana. Ahapimwe imvura nyinshi ni ku bupimiro bwa Nyamagabe hapimwe milimetero 158 naho Gitega hapimwa milimetero 118.2 ndetse na Rubengera hapimwe milimetero 113.2. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Kawangire ingana na milimetero 6.4. Intara y'Amajyepfo, Uburengerazuba n'umujyi wa Kigali niho habonetse imvura nyinshi kurusha izindi ntara.


Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe ntibyahindutse cyane nubwo bwiyongereye ugereranyije n'iminsi ishize; Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyus 28.2(°C ) mu Bugarama na 20.5°C i Gicumbi naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya dogere Selisiyusi 19.7 ku bupimiro bwa Bugarama na 12.4°C ku bupimiro bwa Busogo.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Mutarama 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ishusho ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi igice cya gatatu cya Mutarama 2020. Igiteranyo cy'imvura mu minsi icumi cyari hagati ya milimetero 158 na milimetero 6.4. Imvura nyinshi yaguye ku bupimiro bwa Nyamagabe (158mm). Ahaguye imvura nke ni ku bupimiro bwa Kawangire hapimwe milimetero 6.4.




*Ishusho1: Ingano y'Imvura muri mm*

### 1.2 Imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Mutarama


Ufatiye ku bipimo by'igihe kirere, ishusho ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya gatatu cya Mutarama. Ubusanzwe iki igice cya Mutarama kigusha imvura iri hagati ya milimetero 51.6 na 1.7; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nyinshi cyane muri iki gice cya gatatu, Mutarama 2020 ahenshi mu gihugu uretse ku bupimiro bwa Kawangire habonetse invura nke ugereranyije n'isanzwe ihagwa muri iki gice cya gatatu.




***Ishusho 2:Imvura isanzwe igwa mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Mutarama***


### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ishusho ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya gatatu mu kwezi kwa Mutarama 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni umunsi ugira byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri rusange imvura yabonetse hagati y'iminsi itatu n'iminsi icyenda (3-9) nubwo ahenshi mu gihugu imvura yaguye hagati y'iminsi 3 n'iminsi 6. Iminsi mike yabaye 3 ku bupimiro Kawangire na Nyagatare, iminsi myinshi yabaye 9 ku bupimiro bwa Rubengera. Ku bupimiro bwa Busogo niho hagize iminsi 7 y'imvura.Ahandi hasigaye iminsi yari hagati y'ine n'itandatu(4-6).




***Ishusho 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo***

## 1.4. Ubuhehere bw'Ubutaka




***Ishusho 4: Ubuhehere bw'ubutaka***

Ishusho ya 4 iragaragaza ko muri rusange ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya gatatu cya Mutarama 2020 bwiyongereyeho cyane cyane mu ntara y'Amajyepfo, mu mujyi wa Kigali no mu majyepfo y'Intara y'Iburenerazuba bitewe n'ibihe by'imvura byaranze iyi minsi.


Hateganyijwe ko ubuhehere buzagabanuka mu gice cya mbere cya Gashyantare bitewe n'uko imvura izagabanuka.

## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

## 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru


Ishusho ya 5 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe tubona, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigereranyo gisanzwe; mu majyaruguru y'Uburasirazuba, mu mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Uburengerazuba cyane cyane mu majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi mu gihugu naho mu ntara y'Amajyaruguru akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyus 20.5 na 26.3 ahenshi mu gihugu; Bugarama ikaba ariho hashyushye cyane kuko haapimwe dogere selisiyusi 28.3.




***Ishusho ya 5: Ubushyuhe bwo hejuru***

### 2.1. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ishusho ya gatandatu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya Dogere Selisiyusi 12.4 (Busogo) na Dogere Selisiyusi 19.7 (Bugarama). Amajyaruguru n'Amajyepfo niho hakonje cyane kurusha ibindi bice by'igihugu.




*Ishusho ya 6: Ubushyuhe bwo hasi*

### 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y'igice cya mbere cya Gashyantare (tariki 1-10) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Ugereranyije n'igice cya gatatu cya Mutarama, hateganyijwe ko imvura izagabanuka mu gice cya mbere cya Gashyantare. Imvura iteganyijwe izaba iri hagati ya milimetero 30 na 125; intara y'Amajyepfo n'amajyepfo y'Iburengerazuba niho hateganyijwe kuzagusha imvura nyinshi kurusha ahandi.

### 3.2 Ibirebana n'imirimo y'ubuhinzi

Dushingiye ku bipimo bigaragaza kugabanuka kw'imvura mu gice cya mbere cya Gashyantare 2020 (tariki 1-10), abahinzi barashishikarizwa gukomeza gutegura imirima yabo bitegura igihembwe cy'ihinga gitaha ndetse bakanegera abashinzwe ubuhinzi (abagoronome) kugirango babagire inama mu bijyanye n'imirimo yabo y'ubuhinzi n'uko babungabunga umusaruro mugihe cyo guhunika. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.